# KANYANA

Amashuri y'inshuke



Inkuru yanditswe na Ubuntu publishers

Ishushanywa na BYIRINGIRO B. Max

Iki gitabo cyatangajwe bwa mbere muri 2020

UBUNTU PUBLISHERS

Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo: kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro, kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro, kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga (iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyazamo amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira mu nyandiko n'abagitangaje.

Umwanditsi @Ubuntu publishers

Umushushanyi @Byiringiro B. Max

Uwatunganyije igitabo @Byiringiro B. Max

# KANYANA

**Amashuri y'inshuke**




Inkuru yanditswe na Ubuntu publishers Ishushanywa na BYIRINGIRO B. Max



Kanyana akunda kwiga kandi akagira amatsiko cyane. Akunda kubaza se ibibazo byinshi bijyanye n'uko radiyo na tereviziyo bikora.



Umunsi umwe, yinjiye mu ishuri asanga ku meza hari utuntu tw'amabara y'icyatsi tumeze nk'ibitabo. Agira amatsiko abaza umwarimu ibyo ari byo.




Umwarimu amusaba kwicara ngo amusobanurire hamwe n'abandi.



Yababwiye ko izo ari mudasobwa bazajya bifashisha mu kwiga. Abasaba ko bazifungura.




Umwarimu ati: “Ngaho buri wese nakande akaziga kari ku ruhande rw’ibumoso hejuru hegereye ku kirahure.” Babikoze zirafunguka.



Umwarimu abereka uko bacana n'uko bazimya mudasobwa.




Umwarimu arangije abereka aho bandikira.




Umwarimu ahamagara Kanyana aramubwira ati: “Andika izina ryawe.” Kanyana arabikora n’abandi baboneraho.




Umwarimu amaze kubigisha arabasezerera, barataha.



Mu nzira Kanyana na bagenzi be bagenda bishimiye ko bize gukoresha mudasobwa.



Nyuma y'iminsi, Kanyana yamenye gukoresha mudasobwa, akajya ayisomeraho ibitabo ari iwabo.



UBUNTU PUBLISHERS